# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

SEPTEMBER 2022





"Nyamagabe mu buryo bw’umwihariko ibikorwa birahari kandi ndabashimira bigenda bigaragara ari abikorera, inzego za Leta, ari Leta ubwayo ibyo yaba ikora. Yego intambwe irahari ariko ntituragera ahashimishije, twongere imbaraga"
Nyakubahwa Perezida wa Republika ubwo yasuraga Akarere ka Nyamagabe ku wa 26 Kanama 2022.

## IBIRIMO:


- Uruzinduko rw'Umuyobozi w'Akarere n'Abakozi mu Budage
- Ukwezi kw'imiyoborere mu Karere
- Imurikagurisha ry'abafatanyabikorwa
- Gutangiza igihembwe cy'ihinga 2023A
- Umuganda rusange usoza ukwezi kwa Nzeli
- Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere
- Inteko Rusange ya CNF
- Inama y'Uburezi yaguye
- Amakuru atandukanye

# Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe n'abakozi bagiriye uruzinduko mu Budage

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand ari hamwe n'Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi mu Karere, Umukozi Ushinzwe Ubworozi mu Karere ndetse n'Umukozi Ushinzwe Ubworozi mu Murenge wa Gasaka bagiriye uruzinduko mu Budage mu Karere ka Birkenfeld mu Ntara ya Rhineland-Palatinate.





Basobanuriwe kandi uko bakongera umukamo w'inka n'ukuntu ubworozi buhindurwa imirimo ibyara inyungu.

Uru ruzinduko rwakurikiye urwo Mayor wa Birkenfeld n'itsinda yari ayoboye bagiriye mu Karere ka Nyamagabe muri Gicurasi 2022.

Uru ruzinduko rwari rugamije gukomeza ubufatanye hagati y'Uturere twombi no kwigira ku Budage uburyo bwo korora kijyambere.
 Mu byo bigiye muri uru ruzinduko harimo uburyo bwiza bwo kubika ubwatsi; uburyo bwiza bwo kugaburira amatungo; uburyo bwiza bwo gukama no kubika amata; uburyo bwiza bwo kurinda indwara mu matungo.

Muri uru ruzinduko basuye aborozi b'inka basobanurirwa uko borora inka, uko bategura ibiryo by'inka n'uko batunganya ibikomoka ku mata.





# Ukwezi kw'imiyoborere mu Karere ka Nyamagabe

Ku wa 08 Nzeli 2022, mu Karere ka Nyamagabe hatangijwe ibikorwa byahariwe ukwezi kw'imiyoborere aho abayobozi ku rwego rw'Akarere begera abaturage mu rwego rwo kubakemurira ibibazo biba bitarakemukiye ku Mirenge no ku zindi nzego z'ibanze



Iyi gahunda igamije kugera mu Mirenge yose yatangirijwe ku mugaragaro mu Murenge wa Kitabi aho Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri ari hamwe n'Umuyobozi wa Police mu Karere SSP Burahinda Ntacyo ndetse n'Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere, Lt. Col. John Agaba bari bifatanyije n'uyu Murenge.

Mu gutangiza iki gikorwa, Umuyobozi w'Akarere yasabye abaturage gufatanya n'Ubuyobozi mu gukemura ibibazo byabo, bafasha mu gutanga amakuru y'ukuri.

Iyi gahunda kandi yakomereje mu Mirenge yose y'Akarere ka Nyamagabe hakirwa kandi hanakemurwa ibibazo by'abaturage.

Muri rusange muri uku kwezi hakiriwe ibibazo 291 muri ibyo 258 bingana na 97.5% byarakemutse ibindi bikomeza gukurikiranwa. Imiryango 372 yabanaga mu buryo butemewe yasezeranye mu mategeko.

Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'abaturage, buri wa gatatu w'Icyumweru ku cyicaro cy'Akarere, abayobozi b'Akarere bakira ibibazo  byajejwe mu Mirenge ntibikemuke.

# Imurikagurisha ry'abafatanyabikorwa

Kuri wa 06/09/2022 kugera ku wa08/09/2022, mu Karere ka Nyamagabe habereye imurikabikorwa ry'abafatanyabikorwa b'Akarere ka Nyamagabe. Ni igikorwa cyabereye imbere y'Isoko rya Nyamagabe.

Iki gikorwa cy'iminsi itatu cyatangijwe ku mugaragaro na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Mme Uwamahoro Clothilde ari hamwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere, Perezida w'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa b'Akarere (JADF), Perezida w'Urugaga rw'Abikorera mu Karere (PSF), abafatanyabikorwa bamurikaga ibikorwa ndetse n'abaturage.



Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yavuze ko Akarere kishimiye imurikabikorwa avuga ko ari amahirwe yo kugira ngo umuturage yerekwe kandi ahabwe serivisi nziza.

Yavuze ko abafatanyabikorwa b'Akarere ari bamwe mu bafite uruhare runini mu iterambere. Avuga ko ibyiza byinshi Akarere kageraho katabigeraho kadafatanyije n'abafatanyabikorwa.

Yagize ati "Iki gikorwa gishimangira ibikorwa buri munsi, haba ari Ubuyobozi bwa Leta ariko haba ari n'abafatanyabikorwa nabo badufasha muri urwo rugamba rwo kwiteza imbere. Turabibashimiye kandi turashishikariza abaturage gufata umwanya mukinjira muri buri stand mukamenya amakuru kandi mugakoresha na serivisi ziri hano".

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yavuze ko iri murikabikorwa ari umwanya mwiza kugirango abaturage bamenye ibibakorerwa n'aho bikorerwa kugira ngo bajye babasha kubagana aho bibaye ngombwa.

Yavuze ko kandi ari umwanya mwiza kugira ngo abafatanyabikorwa nabo bamenyane kurushaho no kugira ubwuzuzanye kuko bose bahuriye ku muturage.

Iri murikabikorwa ryasojwe abitabiriye bashimirwa uruhare mu iterambere ry'Akarere, banahabwa certificat z'ishimwe.

## Kamegeri hatangirijwe igihembwe cy'ihinga 2023A



Ku wa 22 Nzeli 2023, mu Murenge wa Kamegeri hatangirijwe igihembwe cy'ihinga ku rwego rw'Akarere, ahatewe imbuto y'ibigori kuri site ya Nyarubaka ifite 47ha.

Ni igikorwa cyatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Thaddée ari hamwe n'Ubuyobozi bw'Umurenge, abakozi basinzwe ubuhinzi ku Karere n'abafatanyabikorwa.

Muri iki gikorwa, abahinzi basobanuriwe uburyo bwo gutera ibigori bakoresheje ifumbire mvaruganda n'imborera ndetse n'uburyo basiga intera nyayo agate y'igihingwa n'ikindi.

Mu butumwa yagajeje ku baturage, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yabasabye guhinga kinyamwuga.

Yibukije ko ibikorwa by'ubuhinzi barimo bagomba kubijyanisha no kurwanya isuri kuko iyo imvura iguye ari nyinshi ibangiriza imyaka.

Yagize ati "Murabizi ko Akarere kacu gafite imisozi miremire na hano murabibona ko hari imisozi n'ubwo hano turi hateye ibiti bivangwa n'imyaka ariko kandi ntabwo ari akanya ko kugira ngo ejobundi bahite babitema, ibi biti bigomba nabyo kubungabungwa kugira ngo ejobundi amazi atazaza akadutwarira ibigori kandi byaratuvunnye".

Uyu muyobozi kandi yibukije abaturage kwitabira gutera ubwatsi ku mirwanyasuri kugira ngo babashe gufata ubutaka kandi babone n'ubwatsi bw'amatungo.

Yibukije abaturage kwitabira guhinga hakiri kare kugira ngo ntihazagire ucikanwa n'igihe cy'imvura. Yabibukije kandi guhinga ubutaka bwose budahinze kandi mu buhinzi bwabo bakibuka guhingira isoko babone amafaranga.



# Buruhukiro: Hatangijwe ubuhinzi butangiza ubutaka



Ku wa 30 Nzeli 2022, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yifatanyije n'abaturage b'Akagali ka Byimana mu Murenge wa Buruhukiro mu gikorwa cyo gutangiza igihembwe cy'ihinga cya 2023A ku rwego rw'Umurenge.

Iki gikorwa cyatangirijwe mu gishanga cya Kunyu by'umwihariko ahatangirijwe n'igeragezwa ry'ubuhinzi butangiza ubutaka (conservation agriculture) aho abaturage bigishijwe uko bahinga batagombye kurima ubutaka.

Ni ubuhinzi bukorwa abaturage baharura mu mirima ubundi bagaca imyobo bagashyiramo ifumbire bagatera n'imbuto barangiza bagasasira.



Uyu munsi iki gikorwa cyatangiye haterwa imbuto y'ibigori mu mirima y'abaturage bemeye ko imirima yabo yakorerwamo igeragezwa. Umwihariko w'ubu buhinzi ni uko burwanya isuri, bufasha ubutaka kugarura ubuzima/ kubungabunga ubuzima bw'ibinyabuzima biri mu butaka no gutanga umusaruro urenze uw'ubuhinzi busanzwe.



Umuyobozi w'Akarere yashimiye abahinzi maze abasaba gukomeza gukora igerageza ry'ubu buhinzi mu mirima yabo; gushyira imyaka mu bwishingizi by'umwihariko ibigori, ibishyimbo n'ibirayi kuko byera muri aka gace. Yabashimiye kandi ukuntu bitabiriye kwakira Umukuru w'Igihugu ubwo yasuraga Akarere ka Nyamagabe mu kwezi kwa munani.

# Umuganda rusange usoza ukwezi kwa Nzeli



Ku wa 24 Nzeli 2022, mu Karere ka Nyamagabe hakozwe umuganda rusange aho abaturage bibanze ku bikorwa bigamije kurwanya isuri ndetse no guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

Muri uyu muganda, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Hildebrand Niyomwungeri yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kibilizi mu Kagali ka Uwindekezi ahaciwe kandi hagasiburwa imirwanyasuri mu mirima y'abaturage mu Mudugudu wa Gatovu. Muri iyi mirima hakozwe imirwanyasuri ku buso bwa 3.5ha.

Nyuma y'umuganda mu nama yagiranye n'abaturage, Umuyobozi w'Akarere yabashimiye ubwitabire bagize mu muganda abasaba gukomeza ibikorwa byo kurwanya isuri by'umwihariko muri iki gihe cy'imvura nyinshi kuko ibatwarira ubutaka.

Mu gihe mu kwezi gutaha hazizihizwa umunsi mpuzamahanga w'abantu bageze mu zabukuru, Umuyobozi w'Akarere yibukije abaturage kuzirikana ku bakuze kuko bafite uruhare runini mu kubaka umuryango nyarwanda.

Yagize ati "Turazirikana agaciro abakuze bafite mu muryango nyarwanda by'umwihariko igihe hari ingo zibanye mu makimbirane, abakuze bagira uruhare mu kuyakemura, bakunga imiryango"



Yibukije kandi abakiri bato gukora bakiteza imbere mu gihe bagifite imbaraga, ababwira ko bakwiye kwitabira kwizigamira muri gahunda ya EjoHeza kugira ngo bazabashe kugira ahazaza heza.

Mu muganda, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Thaddée Habimana yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Tare aho bakoze isuku mu Mujyi wa Gasarenda. Nyuma y'umuganda, uyu muyobozi yasuye uruganda rw'ingano rwubatse muri uyu Murenge areba aho imirimo yo kurutunganya ngo rwongere gukora igeze.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Agnes Uwamariya yifatanyije n'abaturage b'Akagali ka Cyobe mu Murenge wa Mushubi mu muganda rusange aho bubatse inzu y'umuturage utishoboye.



# Nyamagabe: Inama y'Igihugu y'Abagore yiyemeje kugira umwanya mwiza mu mihigo




Abahagarariye ibyiciro bitandukanye mu nama y'Igihugu y'Abagore (CNF) biyemeje kugira imikorere irangwa n'impinduka banoza ibitari binoze kugira ngo babashe kongera gusubirana umwanya mwiza mu mihigo ya ba mutima w'urugo.

Ibi babigarutseho mu nama yabahuje ku wa Gatanu taliki 09 Nzeli 2022 ubwo hateranaga inteko rusange yabereye ku Biro by'Akarere. Yari ifite insanganyamatsiko igira iti "Uruhare rw'Umugore mu Kugira Umuryango Ushoboye kandi Utekanye"

Iyi nteko rusange yitabiriwe n'abayobozi b'Inama y'Igihugu y'abagore kuva ku rwego rw'Akagali kugera ku Karere. Inama kandi yitabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Mme Uwamahoro Clothilde ndetse n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Mme Uwamariya Agnes n'abandi batumirwa.

Muri iyi nama harebewe hamwe imihigo ya ba mutima w'urugo y'umwaka ushize n'imihigo y'uyu mwaka. Habayeho igikorwa cyo gusinyana imihigo hagati ya CNF z'imirenge n'Ubuyobozi bw'Imirenge no kwinjiza intore mu zindi.

Perezida w'Inama Njyanama yasabye abitabiriye kwisuzuma bareba aho bageze bashyira mu bikorwa imihigo ya mutima w'urugo no kubakira k'ubufatanye bw'inzego, kwita no gutanga raporo ku gihe.

Muri iyi nama nyuma yo gusuzuma imikorere bagasanga itanoze nk'uko byifuzwa, hasabwe kongera kwisuzuma bakagira imikorere inoze by'umwihariko mu gutanga raporo.

Bibukijwe ko ubu mu mihigo ya ba mutima w'urugo batagifite umwanya mwiza nk'uko byahoze maze basabwa kuyishyiraho umutima kandi bagatangira raporo ku gihe kugira ngo ibikorwa byabo bigaragare.



# Imirenge ikora kuri Nyungwe igiye gukorerwamo imishinga iteza imbere abaturage



Ku wa 29/09/2022, ku Karere ka Nyamagabe habereye inama iyobowe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Kayitesi Alice yahuje Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe, intumwa z'Akarere ka Nyaruguru, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ikora kuri Parike ya Nyungwe na APEFA Rwanda.

Muri iyi nama intumwa za APEFA zagaragaje imiterere y'imishinga bateganya gukora aho bazayiterwamo inkunga na Livelihoods Funds. Abitabiriye inama ku mpande z'Uturere twombi bagaragaje ibyo bifuza ko iyi mishinga yakoraho. Bagaragaje kandi ko mbere yo gutangira iyi mishinga bazehera n'abaturage bakakira ibitekerezo byabo.

Guverineri yavuze ko Abayobozi bakwiye kumva impamvu z'iyi mishinga muri iyi Mirenge kandi bakagaragaza ibyo abaturage bakeneye nk'uko basanzwe babigaragarizwa mu nama bagirana nabo.



Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku mishinga yazitabwaho, APEFA yagaragaje gahunda y'ibikorwa.

Iyi nama yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, abakozi b'Akarere, itsinda ryaturutse mu Karere ka Nyaruguru riyobowe n'Umuyobozi w'Imirimo Rusange mu Karere.



## Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe



Ku wa 23/09/2022, abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe bateranye mu nama isanzwe yari iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama.

Muri iyi nama haganiriwe ku ngingo zitandukanye zirimo kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama, raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'uyu mwaka 2022-2023, kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ya 2022-2023 n'ibindi.



Muri iyi nama kandi intumwa ya RALGA yagajeje ku bajyanama ibyavuye mu bushakashatsi ku mahirwe y'iterambere agaragara mu Karere (District Local Economic Potentialities).



## Inama y'uburezi yaguye y'Akarere

Ku wa 19/09/2022, mu Karere ka Nyamagabe hateranye inama yaguye y'uburezi yaganiriwemo ingingo zitanduknaye zigamije guteza imbere uburezi mu Karere.

Iyi nama yaganiriye ku myiteguro y'umwaka w'amashuri 2022-2023; kuzamura imitsindire mu mashuri; guhangana n'ikibazo cy'abana bava mu ishuri (drop out); gahunda yo kugaburira abana ku ishuri (school feeding); gukingira COVID19 abana bari hagati y'imyaka 5-11 no kugira imbuga zitoshye ku mashuri.

Iyi nama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes yitabirwa n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge; Abakozi bashinzwe Uburezi ku Karere no mu Mirenge; Abayobozi b'Ibigo by'Amashuri mu Karere ka Nyamagabe; abakozi bashinzwe gufasha Akarere mu mutekano (DASSO Sector Coordinators) n'abafatanyabikorwa mu burezi.



## Inama ya SPRP

Ku wa 30/09/2022 mu Karere ka Nyamagabe habaye inama mpuzabikorwa ya SPRP y'igihembwe cya mbere. Iyi nama yaganiraga ku bikorwa bya SPRP na serivise za ECD mu Karere.

Iyi nama yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe; Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza. Yahuje kandi abakozi bo mu bigo nderabuzima, utugali n'Imirenge bakurikirana gahunda zo kurwanya igwingira n'imirire mibi mu bana. Hari kandi abakozi bo mu ishami ry'ubuzima.





Muri iyi nama barebeye hamwe uko ikibazo cy'igwingira n'imirire mibi gihagaze mu Karere ka Nyamagabe, ingamba zihari zo guhangana nacyo, imbogamizi ndetse n'ibikwiye kongerwamo imbaraga.

Umuyobozi w'Akarere yasabye ko abajyanama b'ubuzima bajya bakora screening ihoraho ku bana bari munsi y'imyaka itanu ku buryo buri cyumweru buri mwana azajya aba yagezweho hagatangwa raporo ya status ye.

Abitabiriye inama kandi bahawe ubutumwa bwo kwita kuri gahunda zindi z'imibereho n'ubuzima bw'abaturage, nk'ubukangurambaga kuri mutuelle, isuku n'ibindi.